REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTABERA
P.O. BOX 160 KIGALI

Kigali, …2 8 MAI 2020…………

N° 607108…………/KP/LSD

Bwana Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka
KIGALI

Impamvu: Gusaba gutangaza itangazo rigenewe Abavoka bose

Bwana,

Nshingiye kuri gahunda isanzweho ya Minisiteri y'Ubutabera yo kwifashisha Abavoka bigenga mu gikorwa cyo kuburana imanza za Leta, akaba ari nayo mpamvu hakozwe urutonde rw'Abavoka bemerewe kuburanira inzego za Leta n'ibigo byayo bibishoboye kandi byigenga mu micungire y'umutungo;

Nkurikije ko urutonde rw'Abavoka bemerewe kuburanira Leta n'ibigo byayo ruriho ubu rwakozwe mu 2017, rukaba rwarageze igihe cyo kuvugururwa;

Tumaze kubona ko ari ngombwa gutanga itangazo rihamagarira Abavoka bose bifuza kujya kuri urwo rutonde, kandi bujuje ibisabwa, kugeza kuri Minisiteri y'Ubutabera inyandiko zabo zigaragaza ubushake bwo kurujyaho;

Nejejwe no kukwandikira iyi baruwa nkugezaho itangazo Minisiteri y'Ubutabera yateguye rihamagarira Abavoka bose babyifuza kuzana inyandiko zabo, kugira ngo murimenyeshe Abavoka bose baba babyifuza mu buryo musanzwe mukoresha mubagezaho amakuru, harimo no kuritangaza ku rubuga rw'Urugaga rw'Abavoka.

Ugire amahoro.

MBONERA Theophile
Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTABERA
P.O. BOX 160 KIGALI

ITANGAZO RIGENEWE ABAVOKA BOSE

Minisiteri y'Ubutabera irahamagarira Abavoka bose bifuza gushyirwa ku rutonde rw'Abavoka bemerewe kuba baburanira inzego n'ibigo bya Leta bibishoboye kandi byigenga mu micungire y'umutungo, kuyigezaho inyandiko igaragaza ubushake bwo kujya kuri urwo rutonde bitarenze itariki ya **30 Kamena 2020, saa kumi n'imwe za nimugoroba (17h00) ku isaha yo mu Rwanda**.

Usabwa kugaragaza ubushake ni uwujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari ku rutonde rw'abagize Urugaga rw'Abavoka (hatarimo abimenyereza umwuga);
2. Kuba amaze nibura imyaka itanu (5) ku rutonde rw'abagize Urugaga rw'Abavoka, akora adahagarika umwuga w'Ubwavoka;
3. Kuba atarigeze ahabwa ibihano bijyanye n'imyitwarire mibi mu mwuga w'Ubwavoka;
4. Kugaragaza ko afite impamyabushobozi y'Ikigo cyo kwigisha no guteza imbere amategeko, yemewe na Leta cyangwa ihwanye nayo;
5. Kugaragaza ko akomeza kwihugura mu mwuga w'Ubwavoka (career professional qualifications);
6. Kugaragaza aderesi y'aho akorera (physical adress of the Law Firm);
7. Kuba afata ubwishingizi bw'ibyago biturutse ku mwuga (professional indemnity insurance);
8. Umwirondoro w'usaba (curricurum vitae).

Inyandiko yandikiwe Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta igaragaza ubushake bwo gushyirwa ku rutonde rw'Abavoka bemerewe kuba baburanira inzego n'ibigo bya Leta, iherekejwe n'ibi bisabwa byose, igomba koherezwa kuri email ya Minisiteri y'ubutabera ikurikira: mjust@minijust.gov.rw, naho kopi yayo ikoherezwa kuri emails zikurikira: specioza.kabibi@minijust.gov.rw na petronille.kayitesi@minijust.gov.rw.

Minisiteri y'Ubutabera iboneyeho kumenyesha Abavoka bose ko urutonde rw'Abavoka bemerewe kuba baburanira inzego n'ibigo bya Leta rushyikirizwa inzego n'ibigo bya Leta kugira ngo niba bikeneye Umwavoka wo kubiburanira bimutoranye kuri urwo rutonde, hakurikijwe inzira yo gutanga amasoko ya Leta.

Icyitonderwa:

1. Iri tangazo rirareba n'Abavoka bikorera basanzwe bari ku rutonde rw'Abavoka bemerewe kuba baburanira inzego n'ibigo bya Leta n'abamaze gusinya amasezerano yo kuburanira Leta cyangwa ibigo byayo kuko utazagaragara ku rutonde rushya, amasezerano ye narangira atazayongererwa cyangwa ngo yemererwe kongera gupiganwa.

2. Icyakora aba bavoka bo ntibasabwa kugaragaza ibivugwa mu gace ka 2, aka 4 n'aka 8 tw'ibigomba kuba byujujwe n'ugaragaza ubushake bwo gushyirwa ku rutonde.

Uwashaka ibindi bisobanuro yahamagara telefoni igendanwa ifite nimero: **+250788842446** cyangwa ifite nimero: **+250788556994**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 28 Gicurasi 2020

MBONERA Theophile

Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije